No 247 June 2023

# MAKURU KI MU IHURIRO RY'IGIHUGU RY'IMITWE YA POLITIKI MU RWANDA



## Imigendekere y'amahugurwa y'abayobozi b'urugaga rw'abagore rushamikiye ku Mutwe wa Politiki mu Mujyi wa Kigali.



Muri gahunda yaryo yo gukomeza kubaka ubushobozi bw'Imitwe ya politiki n'abayoboke bayo, muri iki gihembwe cya kane (Mata – Kamena) cy'umwaka w'ingengo y'imari 2022 - 2023, Ihuriro ryakoze amahugurwa y' abagize Urugaga rw'abagore rushamikiye ku Mutwe wa Politiki.

Ni muri urwo rwego ku matariki ya 03 – 04 Kamena 2023, muri Hotel Lemigo, ku Kimihurura, habaye amahugurwa yahuje Abayobozi b'Urugaga rw'abagore rushamikiye ku Mutwe wa Politiki mu Mujyi wa Kigali. Amahugurwa yitabiriwe n'abagore 32 kuri 33 bari bateganyijwe. Aya mahugurwa agamije kubaka ubushobozi bw'abayobozi b'Urugaga rw'abagore rushamikiye ku Mutwe wa politiki kugira ngo barusheho kwitabira ibikorwa bya politiki no gutinyuka guhatanira kujya mu myanya y'Inzego zifatirwamo ibyemezo.

Ibiganiro byatanzwe muri aya mahugurwa byagarutse ku:

- Gushishikariza abagore gukomeza kugira uruhare mu miyoborere n'iterambere rusange ry'Igihugu, aho bagaragarizwa ko Leta y'u Rwanda yiyemeje guteza imbere ihame ry'uburinganire riha amahirwe angana umugabo n'umugore;
- Gukomeza gutinyuka, bakitabira ibikorwa bya politiki haba mu Mitwe ya politiki babarizwamo ndetse no guhatanira kujya mu myanya y'ubuyobozi ifatirwamo ibyemezo;
- Gukomeza kwereka abagore ko bashoboye, mu kubahiriza inshingano z'inyabutatu (umugore w'umubyeyi, umugore w'umuyobozi, n'umugore ugira uruhare mu guteza



imbere ubukungu, bwaba ubw'Igihugu ndetse n'ubw'umuryango we by'umwihariko).

Ibiganiriro byo muri aya mahugurwa byatanzwe n'impuguke: **Hon.GAKUBA Jean d'Arc**, Bwana **KIMONYO Augustin**, na **Hon. NDANGIZA Madina** watanze ubuhamya bw'urugendo rwe muri politiki kugeza ubu ari Umudepite mu Nteko Ishinga Amategeko. Ibi biganiro byayobowe na **Hon. UWAYISENGA Yvonne.**

Amahugurwa yatangijwe n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro, asozwa n'Umuvugizi w'Ihuriro **Hon. MUKAMANA Elisabeth.**

## AMAHUGURWA KU MICUNGIRE Y'IMBUGA ZA INTERINETI Z'IMITWE YA POLITIKI N'UBURYO ZAKORESHWA NEZA MU KUMENYEKANISHA IBIKORWA BY'IMITWE YA POLITIKI N'IBY'IGIHUGU MURI RUSANGE



Muri gahunda yaryo yo kongerera ubumenyi n'ubushobozi Imitwe ya Politiki no kuyishishikariza kwitabira gukoresha ikoranabuhanga mu bikorwa byayo, Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki, ryateguye amahugurwa y'iminsi ine (4) yibanze ku micungire y'imbuga za interineti z'Imitwe ya Politiki n'uburyo zakoreshwa neza mu kumenyekanisha ibikorwa by'Imitwe ya Politiki n'iby'Igihugu muri rusange. Amahugurwa yitabiriwe n'abantu 11 bashinzwe gucunga imbuga za interineti z'Imitwe ya Politiki iri mu Ihuriro; akaba yarabereye mu cyumba cy'inama cy'Ihuriro, ku matariki ya 27-28 Mata 2023, no ku ya 01 -02 Kamena 2023.

Aya mahugurwa yari agamije muri rusange kongerera ubumenyi n'ubushobozi abashinzwe gucunga imbuga za interineti mu Mitwe ya Politiki, kugira ngo bashobore kuzikoresha neza, bazishyiraho amakuru y'ibikorwa by'Umutwe wa Politiki n'amakuru kuri Gahunda z'Igihugu. By'umwihariko amahugurwa akaba yari afite intego zikurikira:

- Kumenya akamaro k'urubuga rwa interineti ku iterambere ry'Umutwe wa Politiki;
- Kumenya amategeko agenga urubuga rwa interineti urwo ari rwo rwose n'urw'Umutwe wa Politiki by'umwihariko;
- Kugaragaza ibice bigize imbuga za interineti, uko byuzuzanya n'uko bishyirwaho amakuru (ubutumwa bwanditse, ubw'amashusho, ubw'amajwi,..);
- Kumenya uko urubuga rwa interineti rw'Umutwe wa politiki ruhuzwa n'imbuga nkoranyambaga zawo, n'uburyo bwiza bwo kuzikoresha;
- Kumenya uko bacunga umutekano w'urubuga rw'Umutwe wa Politiki.

Aya mahugurwa yatangijwe n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro, Bwana **GISAGARA Théoneste**. Yashimiye Imitwe ya Politiki yatoranyije abitabiriye amahugurwa anashimira abayitabiriye. Yibukije ko amahugurwa ku micungire y'imbuga za interineti z'Imitwe ya Politiki aheruka kuba mu mwaka wa 2021, mu Karere ka Bugesera mu Ntara y'Iburasirazuba, hakaba hari harafashwe umwanzuro w'uko hazategurwa amahugurwa yandi azibanda ku myitozo ngiro kugira ngo abayitabira barusheho kugira umwanya uhagije wo gukora iyo myitozo bayobowe n'ababahugura. Kubera ingamba zo kwirinda icyorezo cya Covid 19, ndetse n'ingengo y'imari yabaga idahagije, iki cyifuzo nticyahise gishyirwa mu bikorwa. Yasobanuye ko, bidakwiye ko Imitwe ya politiki ari yo yasigara inyuma mu ikoranabuhanga cyane cyane gukoresha imbuga za interineti zayo. Akaba ari muri urwo rwego Ihuriro ryiyemeje guhugura abashinzwe gucunga imbuga za interineti z'Imitwe ya Politiki kugira ngo bagire ubumenyi n'ubushobozi bwo kuzikoresha neza, bazishyiraho amakuru y'ibikorwa by'Umutwe wa Politiki n'amakuru kuri Gahunda z'Igihugu muri rusange. Icyiciro cya mbere cy'amahugurwa kikaba cyaritabiriwe n'abantu 11 aho buri Mutwe wa Politiki wohereje umuntu umwe ; ariko intego ikaba ari uko hazagenda hahugurwa abandi uko amikoro azagenda aboneka. Yasabye intumwa z'Imitwe ya Politiki gukurikira neza amahugurwa, ku buryo azasoza bungutse ubumenyi bukenewe bubafasha kumenyekanisha ibikorwa by'Imitwe ya Politiki, ndetse hatangwa inama ko no mu gihe Umutwe wa Politiki waba nta gikorwa ufite utangaza uwo munsi, haba hari n'ibindi bikorwa rusange by'Igihugu bifitiye abaturage akamaro ukwiye gutangaza kandi ntihagire icyo bihungabanya ku murongo wa politiki wawo : nk'igikorwa cy'inama y'Inama Rusange, igikorwa cyo kwibuka Abanyapolitiki bishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, n'ibindi bikorwa rusange biteza imbere abaturage.

Aya mahugurwa yibanze ku ngingo zikurikira:

- Ibice by'ingenzi bigize urubuga rwa interineti muri rusange (Main parts of a website and their functioning): icyo Website ari cyo, ibice by'ingenzi biyigize, n'uburyo bikora muri rusange.
- Uko imbuga za internet z'Imitwe ya Politiki zubatse n'ibice by'ingenzi bizigize. Uko bihuzwa n'imbuga nkoranyambaga n'uko bishyirwaho amakuru yanditse, amashusho, amajwi, amafoto.
- Imyitozo ngiro yibanze ku buryo binjira mu rubuga rwa interineti rw'Umutwe wa Politiki, uko rushyirwaho inkuru n'amafoto, uko bayihindura, uko bayikuraho bibaye ngombwa, uko urubuga rwa interineti rw'Umutwe wa Politiki rucungirwa umutekano, uko bakoresha imbuga nkoranyambaga z'Imitwe ya Politiki (Social Media).

Amahugurwa yayobowe n'impuguke mu by'ikoranabuhanga n'imicungire y'imbuga za interineti z'Imitwe ya Politiki, Bwana **MANIRAGUHA Bertrand** usanzwe ufitanye

amasezerano n'Ihuriro yo gukurikirana ko imbuga za interineti z'Imitwe ya Politiki n'urw'Ihuriro zicunzwe neza; akaba yarafatanyije n'umukozi w'Ihuriro ushinzwe ikoranabuhanga n'itumanaho Bwana **KAREKEZI Fabrice.** Muri iki gihe imbuga za nterineti z'Imitwe ya Politiki zibitse mu Rwanda muri "National Data Center", icungwa n'Ikigo AOS. Muri aya mahugurwa, abayitabiriye bashimye ko bungutse ubumenyi bari bayategerejeho bagaragaza ibyifuzo bikurikira:

- Ihuriro ryakomeza guhugura abandi bashinzwe gucunga imbuga za interineti z'Imitwe ya Politiki ku buryo buri Mutwe wa politiki waba ufite abantu barenze umwe bafite ubumenyi ku micungire y'imbuga za interineti z'Imitwe ya Politiki;

- Ihuriro ryategura amahugurwa ku buryo bwa gihanga bwo gutegura inkuru irambuye ishyirwa ku rubuga rwa interineti rw'Umutwe wa Politiki, kuko bamwe badafite ubwo bumenyi;

- Ihuriro ryafasha mu kuvugurura zimwe mu mbuga za interineti z'Imitwe ya Politiki ku buryo ziba zibereye abazisura (zifite look nziza) kandi n'amakuru mashya azishyirwaho akagaragara ku rupapuro rw'ibanze bitabaye ngombwa kujya kuyashakira mu bubiko (archive), kandi akiri mashya;

- Ihuriro ryasabwe gukora ubuvugizi ku buryo bamwe mu bahuguwe bahabwa uburenganzira (full access) bwo kujya bashyira amakuru ku mbuga za interineti z'Imitwe ya Politiki bashinzwe gucunga, kuko hari aho bisaba ko ubwo burenganzira butangwa n'Ubuyobozi Bukuru bw'Umutwe wa Politiki, bigatinda cyangwa bikaba byarangira batanabuhawe.

Amahugurwa yashojwe n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro, Bwana GISAGRA Théoneste, yashimiye abayitabiriye, ashimira n'abahuguye; akaba yaranashimye ko abahuguwe hari ubumenyi bungutse buzabafasha gutuma Imitwe ya Politiki irushaho gutangaza ibikorwa byayo n'iby'Igihugu muri rusange. Yibukije abahuguwe ko bahawe ubumenyi kugira ngo bagaragaze impinduka z'uburyo imbuga za interineti z'Imitwe ya Politiki zakoraga. Yababwiye ko Ihuriro rizakomeza gutanga ubufasha (technical support) kugira ngo uwahuguwe wakenera interineti ihagije, yaza gukorera ku Ihuriro aho yahabwa ubufasha n'abahuguye. Yijeje bamwe bagifite imbogamizi zo kutagira uburenganzira bwuzuye bwo gutegura no gushyira inkuru ku mbuga za interineti z'Imitwe ya Politiki babarizwamo ko, Ubuyobozi bw'Ihuriro buzaganira n'abayobozi b'Imitwe ya Politiki bireba kugira ngo iyo mbogamzi ishakirwe umuti.

## HASOJWE ICYICIRO CYA 19 CY'AMASOMO ATANGWA MU ISHURI RY'IHURIRO RYIGISHA POLITIKI N'IMIYOBORERE / YOUTH POLITICAL LEADERSHIP ACADEMY (YPLA)



Ku wa gatanu tariki ya 16 Kamena 2023, muri Hotel Lemigo, iri ku Kimihurura mu Karere ka Gasabo, Umujyi wa Kigali, hasojwe ku mugaragaro icyiciro cya 19 cy'amasomo atangwa mu ishuri ry'Ihuriro ryigisha politiki n'imiyoborere / **YOUTH POLITICAL LEADERSHIP ACADEMY (YPLA)**. Aya masomo ategurwa n'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki (NFPO), agahabwa urubyiruko rwo mu Mitwe ya Politiki, ubu hakaba harahuguwe urubyiruko rwo mu Mujyi wa Kigali. Uretse amasomo asanzwe ajyanye n'ubumenyi rusange mu bya Politiki, imiyoborere, amateka ya politiki y'u Rwanda, imishyikirano ya politiki, ubumenyi mu guseruka muri politiki, gutanga ubutumwa bwa politiki n'ubukangurambaga, uru rubyiruko rwanaganiriye n'Inzego za Leta zinyuranye, bahabwa ibiganiro kuri Politiki na Gahunda za Leta. Bahawe ikiganiro kuri Ndi Umunyarwanda cyatanzwe na Minisiteri y'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu (MINUBUMWE); ikiganiro ku Amahame Remezo u Rwanda rugenderaho, cyatanzwe na SENA y'u Rwanda; Imiyoborere y'u Rwanda Twifuza, cyatanzwe na Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu (MINALOC); Kwihangira umurimo no guteza imbere ibikorerwa mu Rwanda, cyatanzwe na Minisiteri y'Ubucuruzi n'Inganda (MINICOM); n'ikiganiro ku Ingamba za Leta y'u Rwanda mu kurwanya ikoreshwa n'icuruzwa ry'ibiyobyabwenge mu Rwanda (cyane cyane mu rubyiruko), cyatanzwe n'Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Ubuzima mu Rwanda(RBC). Uru rubyiruko kandi rwasuye Ingoro y'amateka y'urugamba rwo guhagarika Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, aho basobanuriwe byinshi ku ngabo 600 za RPA zagombaga kurinda abanyapolitiki ba FPR Inkotanyi. Tariki ya 07 Mata 1994, aba basirikare bahawe Itegeko n'Umugaba Mukuru w'Ingabo za APR ryo guhagarika Jenoside, barokora Abatutsi n'abandi bahigwaga hirya no hino mu Gihugu. Basuye kandi Urwibutso rwa Jenoside rwa Rebero, rushyinguwemo bamwe mu banyapolitiki bishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994. Bakaba barasobanuriwe ibikorwa by'ubutwari byabaranze birimo kurwanya akarengane, ivangura, irondakoko n'ibindi byaganishaga kuri Jenoside yategurwaga na Leta y'icyo gihe bikababaviramo kwicwa. Umunyamabanga Nshingabikorwa w'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki, Bwana **GISAGARA Théoneste,** yashimiye abayobozi batandukanye bitabiriye umuhango wo gusoza amasomo y'icyiciro cya 19. Yavuze ko amasomo y'iki cyiciro yatangiye tariki ya 25 Mata 2023. Buri Mutwe wa Politiki ukaba warohereje abasore n'inkumi 4. Asobanura ko, kuri 44 bari boherejwe n'Imitwe ya Politiki yose iri mu Ihuriro, 41 bangana na 93%, aribo bakurikiye neza amasomo, akaba aribo bahahwe Icyemezo cy'amahugurwa. Muri bo, 21 ni ab'igitsina gore, bangana na 51.2%; naho ab'igitsina gabo bakaba 20, bangana na 48.8%. Yashishikarije uru rubyiruko kuzakomeza kurangwa n'indangagaciro z'umunyapolitiki w'umunyarwanda muri iki gihe; zirimo gukunda u Rwanda n'abanyarwanda, ubworoherane, ubwumvikane no guharanira ubumwe bw'Igihugu. Mu ijambo risoza amasomo y'icyiciro cya 19 cy'abiga mu ishuri ry'Ihuriro ryigisha politiki n'imiyoborere "Youth Political Leadership Academy/YPLA), Umuvugizi w'Ihuriro, Depite MUKAMANA Elisabeth yashimye ko Ihuriro ryateguye rikanashyira mu bikorwa amasomo y'icyiciro cya 19. Yashimiye abalimu bigisha muri iri shuri, kuko bafasha urubyiruko rwo mu Mitwe ya Politiki gutandukanya politiki mbi y'amacakubiri isenya igihugu; ndetse na politiki nziza iharanira imibereho myiza n'iterambere by'abanyarwanda bose. Yibukije ko iri shuri rigamije:

- Kubaka ubushobozi bw'urubyiruko rwo mu Mitwe ya Politiki no kurushishikariza kwitabira umwuga wa politiki kugira ngo ruzavemo abayobozi b'ejo hazaza bashoboye;

- Gutegura urubyiruko kugira ngo rwitabire kujya mu myanya y'ubuyobozi mu Mitwe ya Politiki rubarizwamo no gufasha iyo Mitwe ya Politiki gutera imbere;

- Gufasha urubyiruko rwo mu Mitwe ya Politiki kugira ubumenyi n'ubushobozi burufasha kugira uruhare rugaragara mu miyoborere myiza n'iterambere by'Igihugu.

Umuvugizi yagaragaje ko kuva mu mwaka wa 2010 kugeza muri Kamena 2023, urubyiruko rumaze kwiga muri iri shuri ari 1,364, rugizwe n'ab'igitsina gabo 50.4%, naho igitsina gore bakaba 49.6%, akaba ari umubare ukwiye gukomeza kuzamuka. Umuvugizi w'Ihuriro yashishikarije uru rubyiruko gukomeza kwiga, bagasoma amasomo yose bize, bagakora ubushakashatsi kugira ngo bagire ubumenyi bwagutse kuri Politiki, iterambere ry'Imitwe ya Politiki, imiyoborere, n'ibindi. Yabashishikarije kandi kujya bitabira gahunda zose za Leta, bakazigiramo uruhare rufatika; bakabera urundi rubyiruko urugero rwiza mu kwitabira ibikorwa byubaka Igihugu. Yabagiriye inama yo kwirinda icyo ari cyo cyose cyabatesha umurongo, kuko cyabangiriza ubuzima; abasaba kuzakomeza guharanira kuba abanyapolitiki beza, baharanira ineza y'Abanyarwanda bose n'Ubumwe bw'Igihugu.